UMUHANGO WO KURAHIZA ABACAMANZA N'ABANDITSI B'INKIKO Z'IBANZE

Kigali, ku wa 24 Werurwe 2021

Nyakubahwa DCJ,

Bacamanza n'abanditsi mumaze kurahira,

Mbanje kubashimira ko mwitabiriye uyu muhango,

Ndashimira abacamanza n'abanditsi bamaze kutugezaho indahiro yabo kandi abashya mu Rwego rw'Ubucamanza tubifurije ikaze.

Indahiro mumaze gukora, ni yo ibinjije mu rwego rw'imirimo Inama Nkuru y'Ubucamanza yabashyizemo ku itariki ya 19/3/2021.

Nk'uko tubizi, indahiro ni yo igaragaza ko uyikora yiyemeje kujya mu nshingano no gukurikiza amategeko yose agenga umurimo yarahiriye.

Ku byerekeye umurimo wo mu Rwego rw'Ubucamanza, ni umurimo ufite umwihariko wawo kuko ugendera ku nshingano nkuru Urwego rw'Ubucamanza rufite rwo kubahiriza ihame ryo kugendera ku mategeko (*The Judiciary's main role is to uphold the rule of law*).

Dusanzwe tuzi ko kuba igihugu kigendera ku mategeko, bisaba ko buri wese arebwa na yo, haba mu kubahiriza uburenganzira bwe, cyangwa kubahiriza uburenganzira bw'abandi. Iyo habaye guhutaza ubwo burenganzira, ni ho habaho kwitabaza uburyo bwo gutuma ibintu bisubira mu buryo, amakimbirane yavutse agakemurwa hakurikije ibyo amategeko ateganya.

Aha ni ho akamaro gakomeye inkiko zigira mu gukemura amakimbire kagaragarira. Koko rero, iyo inkiko n'abacamanza n'abandi bakozi b'inkiko barangije inshingano zabo, mu kuri, ubunyamwuga, ubudakemwa, ibyo bituma abantu bakomeza kuzigirira ikizere ko igihe cyose uburenganzira bwabo buhungabanye, inkiko zizabarenganura zikaba ubutabera.

Ibi mbivugiye kugira ngo mbibutse ko umurimo mumaze kurahirira ari umurimo ukomeye kandi usaba gukora kinyamwuga, nta kubogama, kuvugirwamo cyangwa gutonesha.

Icyo twabizeza ni uko tuzabafasha kurangiza neza inshingano mumaze kurahirira, bikanatangirira no gusaba ko Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko buzabategurira amahugurwa y'ibanze (*induction*) abasobanurira neza imiterere y'inshingano mwahawe, n'uburyo bwo kuzirangiza neza mu kurikiza amategeko agenga abacamanza n'abakozi b'inkiko, harimo n'itegeko rigena imyitwarire y'abacamanza n'abakozi b'inkiko.

Ndabashimiye rero kuba mwemeye kuza gufatanya natwe gukomeza kubaka Urwego rw'Ubucamanza, kugira ngo rube koko rumwe mu nzego z'Igihugu zigifasha kugera ku ntego kiyemeje zo kuba Igihugu kigendera ku mategeko kandi kiyubahiriza kuri bose, kuko ari ryo shingiro ry'amahoro n'iterambere rirambye.

Murakoze, mugire umunsi mwiza.